
Rwanda Education Board

# Teta na Simoni



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Inkuru yo mu kiciro 2 cya kabiri cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Teta na Simoni



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**


NSABUHORAHO Olive, yanditse iyi nkuru afite imyaka 16, yiga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, mu ishuri ry'ababana n'ubumuga bwo kutabona rya Kibeho, Akarere ka Nyaruguru, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, TETA NA SIMONI, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.





Teta yiga mu mwaka wa gatatu.



Simoni we ntiyiga, aba ku muhanda.
Yambara imyenda isa nabi kandi icitse.



Teta yari agiye kwiga abona Simoni.
Simoni yari yigunze ababaye.



Teta aramusanga amubaza icyamubabaje.
Simoni amusubiza ko atiga atanagira icumbi.



Teta amusezeranya ko amunyuraho avuye kwiga.
Simoni asigara anezerewe.



Teta avuye kwiga aza kureba Simoni. Amujyana iwabo bagenda baganira.




Teta na Simoni basuhuza ababyeyi.



Teta asobanura Simoni uwo ari we.




Se wa Teta amubaza aho amukuye.
Teta asubiza ko amukuye ku muhanda.



Simoni ababwira amateka ye yose.



Nyina wa Teta abyumvise biramubabaza. Amugirira impuhwe aramuhobera.



Se wa Teta ibyo biramubabaza.
Ahamagara Simoni aramuterura.



Abo babyeyi biyemeza kurera Simoni.
Mu minsi mike bamushakira ishuri.




Teta yamufashaga gusubiramo amasomo.
Nta kanya ko kwiga yatakazaga.



Simoni aba umwana mu rugo.
Agafatanya na Teta uturimo.



Bukeye bategura gushimira ababyeyi.
Bahimba indirimbo n'umuvugo.



Ababyeyi barishima babasaba kuziga neza.
Simoni yiyemeza kuzafasha abababaye.



Ababyeyi bashima ubutwari bwa Teta.
Teta yiyemeza kuzakomeza ibyo bikorwa.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA